# *INYIGISHO KU MADAYIMONI, AGARAGARA*

Ubu njye. . .?. . .[Ahantu hadafashe amajwi kuri kaseti—Ubwanditsi.] Ni ubwa mbere sinigeze kubikora mu materaniro ayo ari yo yose kuva naba mu murimo. Iki ni igihe gishya. Mwene Data Baxter yaragiye; na—na Mwena Data Bosworth bagiye mu Buhinde, cyangwa, muri Afurika; kandi Mwene Data Baxter, sinzi aho aherereye. Yagiye ahantu, abasigaye nabo barasohoka baragenda. Nanjye na Billy turi hano twenyine, nuko rero tugira ibihe byiza gusa: turahaguruka, tukoza ibyombo ubundi tukarya. Rero, natwe—twumva dusa nk'aho wenda dushobora, kubifashwamo n'Imana, dushobora gukomeza amateraniro neza, ubwacu. Ni nayo mpamvu nshimishijwe no kubona bigenda bitera imbere gato, kubw'impamvu imwe. Nizera ko Uwiteka azadufasha kubikora. Noneho, murabizi ko hari . . .

Nkunda uburyo nitabwaho. Mfite abavandimwe beza, Bosworth, Baxter, Lindsay, Moore, bose, nabonye batanu muri bo, Baron von Blomberg. Ni abagabo beza cyane. Ariko hariho ikintu kimwe gusa, iyo uhuye n'itsinda ry'abagabo bari hamwe, umwe aba afite ikintu kimwe, undi afite ikindi. Rimwe na rimwe kinyuranye n'ibyo ntekereza ubwanjye. Njyewe rero—Njyewe—Njyewe ndumva mfite umudendezo gusa ubungubu. Dushobora kumarana umwanya munini, gusa tuzunguza amaboko, hanyuma tugakoramo maze tukarya. Ndatekereza ku byerekeye kuzunguza amaboko no kugira i—igihe kinini.

Bibiliya yanjye ya mbere yari iy'umwimerere. Nize Imana nyuriye mu by'umwimerere. Kandi nkunda kuroba. Ukuntu nkunda kuroba! Nawe ukunda kuroba, muhungu wanjye? Niba ukunda kuroba, ugakunda nyoko, ugiye kuba umuhungu mwiza. Kandi no guhinduka kwanjye ntabwo kwankuyeho byose. Umunsi umwe rero, nazamutse mu misozi, njya kurobera kure. Noneho, ibi ni iby'ingirakamaro kuri uyu mwana muto. Nuko naroberaga hariya ku misozi . . .Kandi ku bandi bana bato, birumvikana ko bari bicaye hafi aho. Kandi nakoraga uburobyi. Kandi, yewe, ni byiza mu gihe cy'impeshyi. Ndagenda gutya, kandi hari ifi iryana mu mwobo ukurikira, murabizi, nk'uriya. Nuko mpimbaza Uwiteka gusa no kugira umwanya munini, mvuza induru. Rimwe na rimwe, nyura mu murongo wanjye. Nizera kuvuza induru. Amina. Mu by'ukuri ndabikora. Impamvu, nzi ko hari ikintu kimfata, kandi hari icyo kinkorera.

2 Nari nagiye rero gato muri kiriya gitondo, nuko ngarutse,

hari ikintu gitangaje cyabaye: Hano hari amadubu menshi mu gihugu hariya, muri New Hampshire. Mfiteyo ingando ntya, aho ndobera. Kandi nari mpafite ihema rishaje rihubatse, ihema rishaje rito nabagamo. Kandi idubu yumukara ni ikintu kibi cyane kibaho. Noneho, idubu y'imbyeyi ishaje hamwe n'abana bayo bato bari binjiyeyo, nuko ziza kunsenyera ihema ryanjye!

3 Noneho, mutekereza ko nakagombye kuba narakoreye iki idubu, y'ingore nto yari igarutse ahongaho ifite ubwoya butukura, igarutse ahongaho? Nari nkwiye rwose kuiushyira mu mwanya wayo, si byo se?

4 Ariko dore ibyo yakoze. Yarinjiye, isenya ihema ryanjye isandaza ibintu byose, nuko indira ibiryo byanjye byose nari mfite ahongaho, kandi yari imeze neza. Nuko nzamutse, yahise yigendera. icecekesha ibyana byayo, akana gato kamwe karahunga. Nuko akandi ntikabasha kwiruka; kari kiyicariye. Kari kanteye umugongo, nka gutya, kandi hari icyo kakoraga. Kandi nta n'ikindi nari mfite mu ntoki zanjye uretse ishoka yo mu ntoki ishaje. Nari nayitemesheje ibiti bikuze byari biri hepfo aho. Ni byiza, yarirutse igera kure, yewe, ndakeka ko yagarukiye ku munara wa telefone hariya hakurya, nuko iricara. Katakambiye iri dubu rishaje, ariko ntiryabyitayeho. Kakomeje kwicara aho.

5 Ndatekereza nti: "Ni iki mugenzi wawe arimo gukora?" Negereye hafi aho gato. Natinyaga kukegera cyane, ntinya ko kankubita. Rero—nanjye rero—Sinashoboraga kubona igiti, kandi nzi ko nako gashobora kurira. Rero, sinashakaga kukegera cyane, 'kubera ko nzi imiterere y'idubu. Noneho, negera hafi gato. None se muzi uko byagenze?

6 Noneho, nkunda keke. Ni bangahe muri mwebwe bahungu mukunda keke? Yoo, muhungu! Yoo, njyewe. . . Abahungu bakuru, nabo. Nabonye bazamuye ibiganza byabo. Twese dukunda keke, kandi ndazikunda gusa, nkunda kuzisigaho ubuki. Kuba Umubatisita, murabizi, ni byo bituma dukomeza kugororoka, murabizi, n'ubuki, murabizi. Noneho, kandi nimwumve, ntabwo mbuminjagiraho, ndazibatiza rwose. Ni ukuri mbusigaho kugeza aho ziryoha by'ukuri kandi bwuzuyeho. Ntabwo minjagira bukeya aha na hariya. Ni ukuri mbusigaho, nkazibona zuzuye ubuki.

7 Hanyuma, murabizi, Nari mfite indobo y'ubuki hejuru hariya, igice cy'indobo y'ubuki. Kandi idubu ikunda ubuki. Uyu musore mugenzi wacu muto rero yari yinjiyeyo akuraho umupfundikizo kuri iyo ndobo y'ubuki, kandi ryari ryicaye gutya, hamwe n'indobo nto y'ubuki munsi y'ukuboko kwaryo, nka *gutya*. Ryabonye i. . . Kandi ntabwo ryari rizi kuburya, nk'uko ryabishakaga, murabizi, nuko rero rikozamo amajanja yaryo mato hanyuma rikaburigata nka *gutyo*. Nuko rirahindukira rirandeba, n'amaso yaryo mato ashaje ahurijwe

hamwe, inda yaryo ntoya yari yorohereye nk'uko bishoboka, hamwe n'ubuki. Ryari ryicaye gusa, rivana ijanja hasi rikarigata ubuki, nka *gutyo*, uko bishoboka kose.

8 Yoo, mbega, Natekereje ku byerekeye ibihe byiza bya kera by'Umwuka Wera, mu gihe twabonaga indobo ifunguye, twashyizemo ukuboko hasi mu ndobo ubundi tukarigata. Tugakomeza gusa, murabizi, kurigata gusa.

9 Kandi muzi ikintu gisekeje cyari gihari, ahongaho? Nyuma y'uko uwo mugenzi wacu amaze gufata ubwo ashoboye, indobo yayirekeye hasi maze ariruka ava ahongaho. Muzi uko byagenze? Idubu ry'imbyeyi hamwe n'idubu rindi rito yagiye kuyirigata, bityo ziyikuraho ubuki.

10 Rero, ni byiza, birashoboka ko amateraniro yacu azaba ikintu kiri muri ubwo buryo, ndabyizeye, dushobora rero gukomeza kubwira abandi, kandi icyubahiro cy'Imana kitumanukire. Ni byo.

11 Nshimishijwe no kubona abana bato. Nkunda kubabwira ikintu nk'icyo. Kandi ahari ejo nyuma ya saa sita, dufite igihe kinini, kandi—kandi dushobora kuvuga ibirenzeho. Kandi turaza kuvugana na papa na mama none ku bintu runaka.

12 Tugiye kuvuga ku *Inyigisho ku madayimoni*. Muri Zaburi 103: 1 kugeza kuri 3, dusome iyi mirongo. Abenshi mu bakozi n'abayobozi b'amadini, cyangwa abasoma Bibiliya, barahazi mu mutwe.

> *Mutima wanjye himbaza* U*WITEKA*, *mwa bindimo byose mwe, muhimbaze izina rye ryera.*
>
> *Mutima wanjye himbaza* U*WITEKA*, *ntiwibagirwe ibyiza yakugiriye byose:*
>
> *Ni we ubabarira ibyo* wakiraniwe *byose; Agakiza indwara* zawe *zose;*

13 Ndashaka ko mubibona hano, byari "bikubiye hamwe." "Ni inde ubabarira ibicumuro byawe byose, Ukiza indwara zawe zose." Noneho dushobora kunamisha imitwe akanya gato.

14 Nonaha, Data wa twese wo mu Ijuru, turagushimiye kuri iki gicamunsi, kuba turi hano. Turagushimiye kuri aba bana bato bicaye badukikije, ni abagabo b'ejo, n'abagore, niba hariho ejo, niba Yesu atinze. Kandi nonaha Data, turasenga ngo—ngo Uze kuduha imigisha nonaha mu gihe tuvuga ku Ijambo Ryawe, naho ku byerekeye umwanzi ukomeye dufite, ni Satani. Turasenga, Mana, ko Ureka tugashyira imbere, umurimo hano, kubw'imbaraga z'Imana, ibyo biramuhagarika iri joro muri santimetero zose z'ubutaka bwe, Mwami, kandi umwereke ko nta burenganzira bwemewe namba afite, ko Kristo yamutsinze mu cyimbo cyacu hariya i Karuvari, igihe Yapfaga, Yashenye ubwami bwe kandi yambura Satani buri kintu cyose i—imbaraga zose yari afite. Kandi, Mana, uduhe

ubwenge no gusobanukirwa nonaha, kumenya no gusobanurira abantu uburyo bashobora kumenya gukira no gutsinda Satani. Mw'izina rya Yesu turasenze. Amina.

15 Noneho mu minota mike tugiye kuvuga ku *Inyigisho ku Madayimoni*. Murumva byinshi ku byerekeye amadayimoni. Noneho, ejo nyuma ya saa sita birashoboka ko tuzarangiza. Nashakaga iminsi ibiri y'iki cyumweru, uko byagenda kose, kubwiriza kuri ibi, gusa . . . cyangwa iminsi ibiri ku mirimo ya nyuma ya saa sita, kugira ngo tuganire kuri ibi.

16 Noneho, ikintu cya mbere, icyo idayimoni ari cyo. Mwumva abantu benshi bavuga amadayimoni. Ni byiza, ubu, i "dayimoni, satani," byose biva ku ijambo rimwe, kandi mu Cyongereza byitwa "ubabaza." Ikintu kikubabaza ni satani, umubi. Aravuga . . . Noneho, Bibiliya uyu munsi ni, kuri benshi, ku bantu benshi, ni umuzingo w'igitabo cya kera ba sogokuru na ba nyokuru basomye, cyangwa ikindi kintu nk'icyo. "Nta byinshi kuri yo, ni ku bantu ba kera, n'ibindi n'ibindi." Ariko ibyo ni bibi. Ni ibya bose. Kandi amadayimoni ni abo kutubabaza.

17 Noneho, hari amadayimoni mu bugingo bw'umuntu, kandi ni ko bimeze, mu nteruro, ibyo byaba—byaba muri . . . Navuga ibi, n'ubwo, idayimoni iza mu bugingo ni ikintu kibabaza ubugingo.

18 Inshuro nyinshi mushobora kubona umuntu wenda ufite ibisazi. Noneho, ashobora kuba ari umuntu wahindutse, wuzuye Umwuka Wera, nyamara akaba yaba umusazi rwose. Murareba? Ni byo. Ibyo ntaho bihuriye n'ubugingo. Ni uwo kubabaza, murareba, ikintu kibabaza.

19 Noneho, indwara zose, tugomba kubanza kubona ko indwara zose ziturukа kuri satani. Imana ntabwo ari Yo nyirabayazana w'indwara. Nta ndwara ituruka ku Mana. Rimwe na rimwe Imana yemerera Satani kuguteza indwara, nk'ikiboko yakoresha cyo kugusubiza mu nzu y'Imana, iyo utumviye. Ariko uburwayi, mu ntangiriro, buturuka kuri satani. Ntushobora kwiyumvisha ko umuntu yakwemera ko Imana, Data wo mu Ijuru, yaba nyirabayazana w'ibintu nk'uburwayi n'urupfu? Ni byiza, oya, Ntabwo Yabikora, ntabwo yigeze Ibikora, ntizigera Ibikora. Imana yemerera urupfu kubera kutumvira. Imana yemerera urupfu. Nk'uko umwanditsi umwe yabivuze, "Ibyo byose urupfu rushobora gukora, Imana yabihambiriye ku igare kandi bidukururira Imbere y'Imana, umwizera." Ariko ijambo *urupfu* risobanura "gutandukana."

20 Yesu yaravuze ati, "Uwumva Amagambo Yanjye akizera Uwantumye, afite Ubugingo buhoraho." Nuko aravuga ati: "Ndi umuzuko, n'Ubugingo, unyizera, n'ubwo yaba yarapfuye, azabaho, kandi umuntu wese ukiriho unyizera ntazapfa ukundi." Kandi dupakira imibiri ya bagenzi bacu hejuru y'abatagatifu bo mu mva yacu. "Ariko ntibazigera bapfa."

21 Noneho iyo witegereje igihe yavugaga ibya Lazaro, Ati, "Lazaro arasinziriye."

22 Abigishwa, abagabo nka twe, baravuze bati: "Yoo, niba asinziriye agize neza." "Yashakaga kuruhuka," ni cyo batekerezaga.

23 Ariko araza avugana nabo mu rurimi rwabo. Aravuga ati: "'Yapfuye,' ni ko mubyizera. Ariko," aravuga ati: "Ngiye kumukangura, kumukangura." Murareba? Murareba? Iyo mu . . .

24 *Urupfu* bisobanura "gutandukana." Noneho, niba umwe muri mwe agomba, umwe mu muryango wawe apfuye, cyangwa ikindi kintu, icyo ari cyo, niba yarahindutse, ntabwo aba yapfuye. Bapfuye mu buryo bwa kimuntu. Ariko batandukanye gusa natwe, ariko bari imbere y'Imana. Ntabwo bapfuye, kandi ntibashobora gupfa, ntibishoboka ko bapfa. Yesu yaravuze ati: "Uwumva wese Amagambo Yanjye akizera Uwantumye afite Ubugingo buhoraho, kandi ntazacirwa urubanza, ahubwo yavuye mu rupfu ajya mu Bugingo." Ntabwo rero ashobora gupfa. Ikintu cyose kidapfa, cy'Iteka, ntigishobora kurimbuka. Ni Ubuzima budashobora kurimbuka. Yarabubonye kuko Imana yarabumuhaye. Kandi ntabwo—ntabwo byemewe; ni hamwe na . . . Ntabwo ari itegeko. Imana irabumuha.

25 Imana irahamagara. Nta muntu ushobora kuza ku Mana cyeretse Imana yamuhamagaye. Yesu yaravuze ati: "Nta muntu ushobora kunsanga cyeretse Data amuhamagaye, akamukurura." Si byo? Ni Imana rero muri byose. Ahari ejo nyuma ya saa sita tuzabona bike kuri ibyo, 'Kubera ko nshaka kubazanira iki kintu *cy'indwara,* kuri mwebwe, kugira ngo mukibone.

26 Hari igihe twari turi mu rukiryi rw'umugongo wa ba sogokuru. Murabizi. Muganga arabizi. Ni byiza, namwe murabizi, mwebwe basomyi ba Bibiliya. Muzi agakoko k'ubuzima katangiriye muri ba sogokuru banyu, kugira ngo gahinduke agakoko, hanyuma gasohoke muri ba sogokuru banyu, hanyuma kinjire muri ba so, hanyuma muri ba mama banyu n'aho muri ubu. Ni byo. N'Ibyanditswe byera birabyigisha. Hari Ibyanditswe kuri mwe niba mubishaka. Nizera ko Byavuze ko Levi yishyuye icya cumi igihe yari mu rukiryi rwa Aburahamu, wari sekuru. Si byo? Noneho, murebe, agakoko karimo hariya.

27 Ariko ubugingo bwawe bwaremwe mbere y'uko isi iremwa, igihe Imana yaremaga umuntu mw'ishusho Yayo; umwuka w'umuntu; ntabwo ari *u* muntu mw'ishusho Yayo Bwite, ahubwo ni *muntu* mw'ishusho Yayo Bwite. Murareba? Hanyuma Yabagize abagabo n'abagore, mbere y'uko ikora umuntu mu mukungugu w'isi. Turifuza kugira amahirwe kuri iki gicamunsi, cyo gufata umwanya tugasubira muri ibyo. Murebe gusa uko Imana . . . Noneho, biri hagati y'umurongo, ariko, iyo urebye,

bijyana neza n'umurongo. Murareba? Ni gute iyo Mana, igaruka mw'itangiriro, ku byo Yahakoreye, n'uburyo Yamanutse mu isi n'uburyo Yaremye umuntu mu ishusho Yayo; nuko Imana irahindukira yihindura mw'ishusho y'umuntu, kugira ngo icungure umuntu.

28 Noneho, igihe Imana yaremaga umuntu mw'ishusho Yayo, yari umuntu w'umwuka. Kandi nta muntu wabaga ahinga ubutaka. Noneho Irema umuntu mu mukungugu w'isi. Noneho, abakurikirana ibihe, n'abandi, hamwe n'abantu bashakisha bakabona amagufwa ya kera, n'ibindi n'ibindi, kandi bakizera imihindagurikire y'ibintu . . . Nizera ibinjyanye n'ubwoko bwiza bw'imihindagurikire. Umuntu arahindagurika muri we, ariko si ko byose biva mu ngirabuzima fatizo imwe. Oya, mugenzi, kuko i—inyoni yabaye inyoni kuva Imana yayigira inyoni, n'inkende yabaye inkende, umuntu yabaye umuntu. Ni byo.

29 Noneho, navuganaga na muganga hano hashize igihe, i Louisville. Yaravuze ati: "Kubera iki, Revara Branham!" Navugaga ku buryo abenegihugu ba Afrika, uko barya, mpita ngwa igihumure . . . Yoo, bimwe mu bintu biteye ubwoba wigeze kubona, uko bagomba kurya! Gusa bafata ibintu byanduye, birimo inyo, bakazihunguraho gusa, inyo n'ibindi byose. Ntimukagire icyo muhindura kuri we. Murareba? Baravuga bati . . . Tunywa ikintu icyo ari cyo cyose, ntimugire icyo muhinduraho. Yaravuze ati: "Ariko, Ravera Branham, abo bantu ntabwo ari abantu."

Ndavuga nti: "Yoo, yego, ni bo. Mu by'ukuri ni abantu."

30 Ndavuga nti: "Ikintu cyegereye ikiremwa muntu, mu murongo w'inyamaswa, ni inguge. Kandi wagerageje imyaka ibihumbi bine kugira ngo ukure igitekerezo kimwe muri iyo nguge, kandi ntishobora kubikora," Naravuze nti: " 'Kubera ko idashobora gutekereza. Ntacyo ifite cyo gutekereza." Yewe, ushobora kuyigiraho utuntu duto nk'ifarashi, kureba iburyo n'ibumoso, cyangwa kwambara ibiyereka aho igana, cyangwa kunywa itabi ry'isegereti, cyangwa kwiringaniza ubwayo kw'igare, gutwara ifarashi, cyangwa ikindi kintu nk'icyo, ariko nko "kureba iburyo" n'"ibumoso" ku ifarashi, cyangwa "areriji" ku mbwa, cyangwa ikindi kintu nk'icyo. Navuze nti: "Ni inyamaswa."

31 "Ariko mureke nsubire muri Afurika, mu miryango bafite iba mu ishyamba, kandi ubwo ni ubwoko buto bw'abantu baba mw'ishyamba." Nuko ndavuga nti: "Birashoboka ko sekuruza-wa sekuruza-wa sekuruza-wa sekuruza-wa sekuru ntiyigeze abona umuzungu cyangwa ikindi kintu. Gusa ikintu kimwe gusa azi, nta n'ubwo azi iburyo n'ibumoso. Gusa ikintu azi gusa ni ukurya, kandi akarya ibyo ashobora kubona akesha amaboko ye, niba ari inyama z'abantu, ikindi kintu cyose, ntugire icyo uhindura kuri we, gusa ararya. Ariko reka mubone afite

imyaka itanu, no ku myaka cumi n'itanu azavuga icyongereza cyiza kandi agire uburere bwiza. Kubera iki? Afite ubugingo. Imana yamugize umuntu, kandi afite uburenganzira buhagije bwo kumva Ubutumwa bwiza, byibuze rimwe, nk'uko dufite kubwiriza hirya no hino, muri Amerika yose, ku bantu, inshuro nyinshi, no kwinginga, kujijura n'ibindi byose. Mureke abyumve rimwe, maze mumurebe avuza induru yiruka ku gicaniro byihuse." Murareba? Yego, mugenzi!

32 Ni byo ni uko umutima wanjye umeze, mwene Data, uyu munsi, iyo ntekereje Afrika, kandi bakeneye amaboko mato yirabura azamuye hejuru, bavuga bati: "Mwene Data Branham, ikindi gihe kimwe utubwire kuri Yesu!" Yoo, mbabarira! Hariho ikintu muri njye gicukura kikanatwika. Ndamutse mbonye amafaranga ahagije byihuse, najyayo, naho. Ni ibyo nkoresha amafaranga yose mbona, ibintu byose, Imana irabizi, usibye ibyo nshobora kurya. Abantu benshi bampa imyenda yanjye. N'ibishobora kuntunga gusa, njyewe ubwanjye, hafi yanjye uko nshoboye, Mbigabagabanya neza mu mafaranga y'abamisiyoneri leta yateguye. Nta n'ubwo nishyura umusoro ku nyungu kuri yo. Kugirango mbone ibihumbi bitatu cyangwa bine, bitanu by'amadolari, nuko nkambuka nkajya hakurya iyo nkabwiriza Ubutumwa bwiza abantu nzi ko uwo munsi ngomba gusubiriza ibibazo. Maze nkamenya icyo mbasubiza.

33 Nakundaga, iyo najyaga mu mujyi, nagombaga kuyobora amateraniro manini mu gihe babaga bafite amafaranga menshi, kandi bafite ubukangurambaga bukomeye n'ibihumbi by'amadorari, nagambaga kuyaha Croix-Rouge n'ibindi. Noneho, ubu, ntabwo ari ukubacecekesha, ariko kumanuka mu muhanda uri mu modoka y'amadolari ibihumbi bine, irimo n'umutako munini wa diyama, kunywa isegereti, n'amadorari magana atanu mu cyumweru ku mafaranga abantu barwaye . . . Oya, mugenzi! Oya, rwose! Kandi kuri ibyo, ukimara kuva mu mujyi, baravuze bati: "uwera wiziringa hasi," n'ibindi byose nk'ibyo, no gusetsa, no gusuzuguza idini duhagarariye. Oya, mugenzi!

34 Ndayafata ubwanjye, kandi imbere y'Imana nk'umucamanza wanjye, Nayashyize mu bikorwa by'ivugabutumwa ahongaho, nzi rero ko kuri uriya munsi nza . . . mu gihe ngomba gutanga ibisobanuro imbere y'abayobozi banjye, bitangwa neza. Ni byo rwose, 'kubera ko mbona ko uko nkoranye n'abantu mba nkoranye n'Imana. Gusa imyifatire yanjye kuri mwebwe ni yo myifatire yanjye kuri Kristo. Kandi imyifatire yawe kuri njye ni ikintu kimwe, ni byo, kuri Kristo.

35 Noneho, kubona abantu nk'abo, maze ukareba icyo kiremwa muntu, noneho, hamwe n'ubugingo budapfa, abo ntibashobora gupfa, ntibashobora kurimbuka, ntibashobora gukora usibye kugira Ubugingo bw'iteka, iyo Mana yigenga, mu bushake Bwayo, yarabuguhaye. Noneho, noneho, ubu njyewe . . .

36 Reka nkosore gato, cyangwa ngire icyo mvuga. Umuntu agiye akavuga ati: “Mwene Data Branham ni Umakaluvinisite.” Oya, ntabwo ndi we. Ndi Umukaluvinisite mu gihe cyose Kaluvinisite ari muri Bibiliya. Ariko iyo Kaluvinisite avuye muri Bibiliya, noneho mba umu Aruminiya, murareba. Nizera Ukwera kandi nizera Kaluvinisite, nanjye. Ariko, bombi, umwe yirutse ku gihimba aca muri *iyi* nzira, undi yiruka ku gihimba aca muri *iriya* nzira. Iyo bitaba kubw’Igitabo cy’Abefeso, kuyigarura no kuyishyira ahantu hakwiye Imana yateguye, twese twavangirwa. Ariko bombi babonye inyigisho, nuko bajya kubibamo, buri wese, ubwo ni ba Nyirubutungane n’Abakaluvinisite, ndetse, n’Abaruminiya. Noneho, Abakaluvinisite bafite ikintu cy’ukuri. Nizera ko—ko inyigisho ya Kaluvini . . .

37 Ibi ndabyizera. Mu mutekano, nizera ko Itorero rifite umutekano w’iteka. Umusomyi wese wa Bibiliya arabizi, ’kubera ko Imana yamaze kuvuga ko Ryagaragara hariya nta nenge rifite. Si byo? Noneho, Bizaba bihari. Ibyo si byo? Bi- . . . Itorero rifite umutekano w’Ubuziraherezo. Noneho, muri mu Itorero, ni ikintu gikurikiraho. Niba uri mu Itorero, ni byiza, ufite umutekano hamwe n’Itorero, ariko ni byiza kuguma mu Itorero. Ni gute ushobora kwinjira mu Itorero? Mu guhana ibiganza? Oya. Kwandikisha izina ryawe mu gitabo? Oya, mugenzi. “Kubw’Umwuka umwe twese twabatirijwe mu Mubiri umwe.” Kandi uwo Mubiri, Imana yaciriye urubanza i Karuvari, wari Umubiri wa Yesu Kristo, kandi twabatijwe muri uwo Mubiri n’Umwuka umwe. Dufite umutekano Uhoraho mu gihe cyose turi mu Mubiri wa Kristo, nta kintu gishobora kudutandukanya, nta kintu kidukoraho. Niba usohotse, usohoke ku bushake bwawe. Ariko nk’uko mu by’ukuri, niba muri mu mubiri wa Kristo, nk’uko Yesu yazutse mu bapfuye, namwe muzazuka. Imana yamaze kubikora. Yo . . .

38 Ntimushobora gucumura. Yego . . . Nshobora kuba umunyabyaha imbere yawe, ariko niba ndi muri Kristo, Imana ntibibona, kuko ibyaha byawe birahongerera . . . Amaraso Ye ahongerera ibyaha byanjye. Murareba? Sinshobora gucumura. “Uwabyawe n’Imana ntabwo akora icyaha, kuko ntashobora gukora icyaha. Imbuto y’Imana iguma muri we.” Murabyumva se? We, aba afite ubushake, niba akoze amakosa, byanze bikunze, ashyira mu gaciro noneho akitegura kubyatura. Niba ari umukristo nyawe, azabikora. Niba abigumanye, aba yerekanye ko nta kintu afite, mu mwanya wa mbere. Ni byo. Nta kintu aba afite, cyo guheraho. Ariko niba ari Umukristo nyawe . . .

39 Hano, utera ingano mu butaka, zizahora ari imbuto z’ingano. Ibishokora bishobora kuba hafi yazo, n’ibindi byose, ariko zizaba imbuto z’ingano igihe cyose zihagaze. Ibyo ni ukuri? Niba kandi koko umuntu yaravutse kubw’Umwuka w’Imana, ntabwo aba imbere, ngo abe no hanze, n’inyuma n’ahandi, no hariya

mw'isi no hanze hano. Oya, mugenzi. Oya, oya. Ntabwo uba igishokoro umunsi umwe n'mpeke y'ingano umunsi ukurikiyeho. Imana ibyo ntabyo ifite mu murima. Yego, mugenzi. Niba waravutse ku Mwuka w'Imana, uri Umukristo kuva icyo gihe kugeza kuri. . .kugeza igihe uzambukira, hanyuma ukaba—uri umuntu udapfa, hamwe n'Imana. Ni byo, niba uri mu Itorero.

40 Noneho, noneho reka tuvuge ku ruhande rw'urupfu. None, ni gute umuntu uriho gutyo, muri ubwo buryo, ashobora kurwara? Kubera ko umubiri wanyu utaracungurwa. Umubiri wanyu nturacungurwa. Tutitaye, ku buryo uri mwiza, n'uburyo uri intunganye, n'uburyo uri uwera, waba ufite Umwuka Wera ungana iki, ubwo ni ubugingo bwawe bwonyine. Kandi ubugingo bwanyu ntiburatungana. Bwabonye Umugisha gusa, isezerano ry'Imana, ari wo muganura agakiza kacu. Ariko ubu niba tudafite umuganura w'umuzuko wacu, nta gukiza kw'Imana tuzagira, noneho ntabwo nzagira ibyiringiro cyangwa nta kintu na kimwe kizanyemeza ko hariho izuka.

41 Ni nk'aho Kristo ataba mu mutima wanjye, niba ngomba kubikura mu buryo runaka i—ikintu cy'ubumenyi nyamuntu nyuma yaho, ngomba kwizera ahantu runaka, neza, noneho njyewe—njyewe—njyewe naba mbikemangaho gato. Kandi ni yo mpamvu, hariya muri Afurika, iyo baje, hano haza abamisiyoneri, bakazana ibihumbi by'abo ba kavukire, maze bapakiraga ibigirwamana bishaje by'ibyondo n'ibindi bintu byose, ni ukubera ko bari bamaze kumva uruhande rw'ibitekerezo bya Bibiliya. Ni byo. Kandi itorero ryanjye bwite ni Batisita, Metodisite, Peresibiteriyeni, abinjiyemo bose. Ariko babonye imbaraga z'Imana ziza zikiyerekana, zikabikeemura, bamenye noneho ko Imana ari Imana.

42 Ariko, ubu, ni iki gitangira ubu burwayi? Noneho, ikintu cya mbere, ni umwuka mbere y'uko buba icyorezo, neza nk'uko mwari umwuka mbere y'uko muba ikiremwa muntu. Noneho ngiye gufata Mwene Data Willett hano. Mwene Data Willett, njyewe. . .Hari igihe wowe na njye ntacyo twari cyo. Noneho ikintu cya mbere, Imana yaduhaye ubuzima. Reka dufate, tuvuge, niba mfashe umubiri wawe kuri iki gicamunsi, ugizwe n'itsinda z'ingirabuzima fatizo, zibumbijwe hamwe na atome. Noneho, umunsi umwe, atome zizangirika, Yesu aramutse atinze. Muzasubira inyuma. Zizamera nk'uko zari zimeze mbere, musubire mu kirere. Ariko ubwoe umwuka wanyu uzagarukira, izo atome zizongera guteranira hamwe n'uyu mwuka hanyuma zizane undi Mwene Data Willett nk'uriya, ukiri muto, mu gihe yari akimeze neza.

43 Iyo umugabo arengeje imyaka makumyabiri n'itanu, yisangana iminkanyari mike munsi y'amaso ye, n'imvi zatangiye kumera rumwe rumwe. Bizaba, 'kubera urupfu ruri inyuma yanyu. Kandi umwe muri iyi minsi rugiye kugutwara. Uwo uri we wese, ruzagutwara. Ariko buhoro buhoro. . .Uzagera mu

mfuruka hano, kandi Imana izagukura muri iyo mfuruka, kandi ugera muri iyi mfuruka *hano*, urupfu ruzaba rukwegereye, na hariya, ariko nyuma y'igihe gito ruzakugeraho. Ariko rero, icyo urupfu rushobora gukora, rwo rutwara abapfu barwo bose, hanyuma ku. . . iyo rumaze gukora ibyo rushoboye gukora. . . Igihe Imana yaguhaga ubu buzima, kandi wari mu kigero cyiza cyane, nko ku myaka makumyabiri n'itatu, numara kuzuka uzongera umere neza nk'uko wari umeze ubwo wari ufite imyaka makumyabiri n'itatu, makumyabiri n'itanu, 'mbere urupfu rutarabwinjiramo. Urupfu ruzakora ibyo rushobora gukora byose. Rwinjiremo ahongaho, ariko uzongera umere neza nk'uko wari umeze.

44 Noneho, niba buri wese muri mwe—uturemangingo twawe mu mubiri wawe, reka tudusesengure nonaha, uza uri akaremangingo nyuma y'akandi, akaremangingo nyuma y'akandi, hanyuma ukigabanyamo uduce hano ku ruhimbi, nyuma ya buri karemangingo mu mubiri wawe, ukagera kuri mikorobe ntoya aho watangiriye, idashobora kubonwa n'amaso asanzwe. Ugomba kuyirebera munsi y'ibirahure bitubura ubunini. Nabonye mikorobe ifite ubuzima nkoresheje icyuma gitubura ubunini. Imeze nk'ikizingo cy'ubudodo. Kandi ikintu cya mbere gitangiye ni uko iri mu rutirigongo, ni nk'ipfundo rito. Ako karemangingo ka mbere kigerekeranya n'akandi karemangingo.

45 Noneho, niba ngomba gufata ako karemangingo kamwe gato buri wese muri mwe akomokaho, akaremangingo kamwe gato, mikorobe. . . Mikorobe ni iki? Mikorobe ni ntoya cyane, agace gato k'akaremangingo. Ni byiza, nyuma y'ibyo bigenda bite? Noneho, nabafashe ndamanuka kuva ku gice cyose kibagize, kugeza kuri kariya karemangingo gato, ariko sinababonye. Gusa nabonye uturemangingo twanyu. Ni byiza, noneho, igikurikira, uturemangingo tw'amaraso, n'uturemangingo tw'inyama, kandi ibyo ari byo byose, ndabigaragariza hano, ariko sindababona. Noneho, Ndi kuri mikorobe imwe. Ni byiza, ngiye gufata ako karemangingo gato ukwako. Ubu, muri he? Ubuzima bwanyu. Kandi ubuzima bukora akaremangingo ka mbere, ari ko mikorobe, hanyuma ibintu byose bikaza bikurikije imiterere yabyo; imbwa nyuma yayo haza imbwa, inyoni nyuma yayo haza inyoni, umuntu nyuma ye haza umuntu. Uturemangingo turakura, akaremangingo ku kandi, akaremangingo ku kandi, bikagera aho mugeze, ku kiremwa muntu, gukura k'uturemangingo. Noneho, iryo ryari itegeko ry'Imana ngo bibe bityo.

46 Ariko, ubu, tuvuge iki kuri kanseri? Reka tuyivuganeho gato. Noneho, Imana yaguhaye ubuzima bwawe. Nuko iravuga ngo, uri hano uyu munsi, hano ndahari, hari—nta kintu kiri mu kuboko kwanjye, ariko hashobora kubaho kanseri ku kuboko kwanjye mu gihe runaka. Ni byiza, iyo kanseri yahageze ite?

Reka turebe iyo kanseri icyo ari cyo, noneho reka tumushyire ku ruhande, reka tujye kumutwara. Noneho, ni akarundo k'uturemangingo, nako. Mwari mubizi? Ikibyimba, agakoko ko mu jisho, kimwe muri ibyo bintu ni akaremangingo. Nta shusho bifite. Bimwe muri ibi birakwirakwira, kandi bimwe bisa n'igitagangurirwa, na bimwe bisa . . . kwiruka ku mirongo, kanseri itukura, nk'urudodo rurerure rutukura runyura muri . . . Noneho hariho kanseri y'ibara rya roza ikunze kuza ku mabere y'abagore, ni nk'ibishishwa birambitse ku bindi, hanyuma bikagenda byomoka. Kandi bikurira ahantu hose.

47 Rimwe na rimwe, ibibyimba bifatanye, muri *ubu* buryo, bigasagamba, n'ibindi bintu byose. Nta shusho bifite, kuko bikurikira umwuka udafite ishusho. Ariko ni ugukura k'uturemangingo. Ni akarundo k'uturemangingo, tuvuge, muri mwebwe ubungubu ni ikibyimba cyangwa kanseri, ni ugukura k'uturemangingo, tugakura, tugakura, tugakura. Ni ukurya, kunyunyuza ubuzima bwanyu. Dutura mu maraso. Indwara y'agakoko k'amaso ifata ururenda rw'ijisho igakurira hejuru yaryo, ikitwikiriramo, igafunga ijisho ryanyu. Zimwe muri izo ndwara ziraza ntizigere zirangira . . . nk'igituntu, kiza gusa muri mikorobe nto. Nta kintu na kimwe wayigereranya nacyo. Ubunini bumwe n'ubwa mikorobe bushobora kubyara inzovu, bukabyara i—igitagangurirwa. Murareba? Nta kintu na kimwe kingana na mikorobe.

48 Kandi zimwe muri izi zifata ishusho y'umubiri, izindi ntizigera zibikora. Kandi zimwe ntizigera zijya mu turemangingo. Zimwe zihinduka umwuka, zikababaza ubugingo. Tuzagerageza kubona icyo gice, nzasoza icyo gice ku munsi w'ejo nyuma ya saa sita, niba mbishoboye, aho uwo mwuka-bugingo uza, n'uburyo uza hepfo *aha*.

49 Noneho, nshuti, ibi simbivuze mu buryo bw'ubumenyi nyamuntu. Narwanye n'amadayimoni imyaka myinshi, kandi murabizi. Niba mwari muzi ikintu gusa, nyuma y'uko umurimo urangira nijoro, uko bigenda rimwe na rimwe. Ntimubizi. Mwibuke, iyo uhuye n'umwuka, umenya neza ibyo uvuga ibyo ari byo. Gusa ntugahagarare aho ujye ukomeza, 'kubera ko ntacyo uzagutwara. Ariko mu gihe mu by'ukuri idayimoni igomba kukumvira, izabimenya. Ntabwo ari amajwi aranguruye, ntabwo ari amavuta menshi wisize. Ni ibyagarutsweho hano ngo izabimenya, Ukuri. Yesu arayibwira ati: "Sohoka."

50 Mwibuke ko abigishwa bari bakubise imigeri bazenguruka, bagerageza kumwirukana, n'ibindi byose. Bavuga bati: "Kuki tudashobora kumwirukana?"

Arabasubiza ati: "Kubera, kutizera kwanyu."

51 Aravuga ati: "Sohoka." Umuhungu yituye hasi maze agira isoni atigeze agira. Murareba? Murareba? Amenya ubutware.

52 Mwitegereze abo bahungu hepfo aho, izo nzererezi babonye Pawulo yirukana amadayimoni. Baravuga bati: "Dushobora gukora ikintu nk'icyo," bamwe mu bana b'abatambyi. Baramanuka rero baravuga bati: "Dushobora kwirukana amadayimoni." Ibyakozwe 19. Baramanuka bajya ku mugabo wari urwaye igicuri, baravuga bati: "Turagutegetse, kubwa Yesu. Musohokemo..." Idayimoni iti: "Noneho..." "...mw'Izina rya Yesu, uwo Pawulo abwiriza!"

53 Idayimoni iti: "Noneho, nzi Yesu kandi nzi Pawulo, ariko wowe uri inde?" Muzi uko byagenze. Yasimbukiye wa mugabo, ashishimura imyenda yayo, nuko agira isoni yo ubwayo, maze yiruka mu muhanda.

54 Amadayimoni nk'ayo ariho n'uyu munsi, kubw'ibyo hariho abafana benshi. Iri ni ryo torero, kuri uyu mugoroba. Muri iki gihe hari abafana benshi, bavuga ko bafite gukiza indwara guturuka mu ijuru, bigomba guhagarikwa. Ni byo bizana gucyahwa mu Mpamvu nyayo. Ni yo mpamvu mufite urugamba rukomeye nk'urwo. Hariho ibintu byinshi byitwa idini, uyu munsi, bigomba gufungwa. [Ahantu hatagaragara kuri kaseti—Ubwanditsi.] Nta kindi uretse amateraniro! Ni byo bituma Itorero ry'ukuri ry'Imana rigirana urugamba rukomeye na yo. Ariko turi muri Amerika, murebe, ni yo nzira yo kubaho. Imana ivuga ko ingano n'urukungu n'ibyatsi byakuriye hamwe. Ntimugerageze kurukuramo. Mureke byose bikurire hamwe, ariko muzabimenyera ku mbuto zabyo. Nta mbuto, kubera iki, nta Buzima, nta kintu kirimo.

55 Noneho, mwitegereze utu turemangingo. Reka tuvuge, nk'urugero, mu gihe kirekire, kanseri itukura ikunze kwibasira inkondo y'umura w'umugore, ibibyimba biza ku ruhu rw'umugore n'ibindi n'ibindi. Noneho, mureke dufate ibyo, uriya mugenzi wawe uri hano nonaha, ku karemangingo ke, iyi—iyi kanseri. Ubu ni kanseri...

56 Ibintu byose mu buryo busanzwe bw'umwuka. Murabizi? Ibintu byose mu buryo busanzwe bw'umwuka, ntitubyitayeho.

57 Urugero, nk'uru, iyo—iyo tuvukiye mu Mubiri wa Kristo, hari ibintu bitatu bisaba kugirango bizane Ivuka ryacu. Kandi ibyo ni ibintu bitatu byavuye mu buzima bwa Kristo igihe Yapfaga. Byavuye mu mubiri We, amazi, Amaraso, n'Umwuka. Ni byo? Ibintu bitatu, ni byo bintu tunyuramo iyo tuvutse ubwa kabiri: gutsindishirizwa, kwezwa, kubatizwa n'Umwuka Wera. Noneho, ibyo byose bishobora kuba mu bikorwa bimwe. Ariko bisaba...Ariko ushobora kubarwaho gukiranuka nyamara utejejwe. Ushobora kwizera Umwami Yesu Kristo kandi ugakomeza kwibera mu mwanda wawe. Ariko ushobora kubaho rwose mu buzima bwera kandi bufite ukwera, nyamara udafite Umwuka Wera. Murareba, Bibiliya, Yohana wa mbere 5: 7, yaravuze ngo: "Hano hari ibintu bitatu byerekana Ijuru, Data,

Umwana, n'Umwuka Wera, kandi . . . Data, Ijambo, n'Umwuka Wera," wari Umwana, "kandi abo uko ari batatu babumbiye muri umwe. Kandi hariho ibintu bitatu byatsinze kw'isi, amazi, Amaraso, n'Umwuka, kandi biruzuzanya." Ntabwo ari kimwe, ahubwo biruzuzanya. Ntushobora kugira Data udafite Umwana; ntushobora kugira Umwana udafite Umwuka Wera, kuko badatandukanye, bose ni umwe. Ubutatu bubumbiye muri umwe.

58 Ntabyo njya numva hano, ariko murabyumva byinshi hirya no hino mu gihugu, kimwe mu bintu bikomeye mu matsinda y'Abapenekosite, ni ukuvangira muri kiriya kintu kimwe cyoroshye. Kandi nagize imitwe yabo neza hamwe kandi mbereka ko bombi bizera ikintu kimwe. Ni dayimoni iri hagati yabo, ni ibyo gusa. Niba iryo torero rya Penekosite ryaba u- . . . barekaga ho gato, imigenzo ya kera maze bakibumbira hamwe ubwabo mw'Itorero rimwe ry'imigisha y'Imana, Izamurwa ryahita riba. Ariko igihe cyose Satani ashobora gukomeza kubatandukanya, ni ibyiza. Ni uburyo bwe bwo kubikora. Nuko bakizera rwose ikintu kimwe.

Umwe aravuga, ati: "Ni byo, *ibi* ni ibyo."

59 Naravuze nti: "Ni byiza, niba *ibi* ari Ibyo, noneho Ibyo ni *ib*i." Ubwo rero ni ho muri. Rero, byose ni bimwe. Ariko aho ni ho muri, muri ubwo butatu bw'Imana. Noneho, ubu, Imana mu bumwe Bwayo. Imana Data, Umwana, n'Umwuka Wera. Noneho, ntabwo tuvuze "imana zacu," nk'abanyamahanga. Ni "Imana yacu." Murareba? Ni Ukubaho kw'Imana.

60 Noneho mumenye ko, ubu, Satani nawe ari mu butatu. Kandi imbaraga ze ziri mu butatu.

61 Ubungubu, ariko muhite mumenya ko igihe amazi, Amaraso n'Umwuka bibyara Ivuka rishya. Si byo? Noneho mwitegereze. Ni byo byerekana Ivuka rishya. Ni iki cyerekana ivuka risanzwe mbere y'uko Ivuka rishya riza? Igihe . . . Mwa babyeyi mwe, iyo umwana avutse, ni ikihe kintu cya mbere kiza? Amazi. Hagakurikiraho, amaraso. Hakurikiraho, murebe, ibigize ubuzima, murareba, ibigize umuntu. Amazi, amaraso, umwuka.

62 Noneho, kanseri, mureke tuyivugeho mu kanya, dusigaranye iminota itanu, ndakeka, nko mu minota itanu iri imbere, mureke tuvuge kuri kanseri. Uyu mugenzi wacu ni igiki? Ihagarariye iki? Yo ni inyabwoba. Ihagarariye inkongoro, irya ibintu byapfuye. Kandi kanseri ituruka ku gikomere, ahanini, aho uturemangingo twakubiswe maze kandi tu—tugacikamo uduce. Kandi uturemangingo duto turi muri yo turayizenguruka. Yewe, iryo ni ijambo rinini ku Babatisita, si byo? Ni byo, ariko turayizenguruka, ako karemangingo. Ndi Umubatisita wemera kuzenguruka.

63 Umuntu yaravuze, hepfo hano mu nama ya Arkansas ejobundi, ati: "Mwene Data Branham," ati . . . Yari mugenzi wacu

w'Umunazareni. Yari yarakize indwara. Yari afite i. . . Agenda unyure hejuru y'umujyi, inkoni ye yari ku rutugu. Aravuga ati: "Urabizi?" Ati: "Igihe nza hano bwa mbere," ati: "Njyewe—njyewe natekereje ko. . . numvise wamamaza, nibwira ko uri Umunazareni." Aravuga ati: "Icyo gihe nabonye abantu benshi ari Abapenekosite, umuntu ambwira ko uri Umupenekosite. Noneho wowe uravuga ko uri Umubatisita." Aravuga ati: "Simbyumva."

64 Ndavuga nti: "Yego, ibyo biroroshye." Ndavuga nti: "Ndi Umupenekosite w'Umunazareni w'Umubatisita." Ibyo rero ni—ni byo. Ni byo. Oya, turi umwe muri Kristo Yesu, kubw'Umwuka Wera utugira umwe. Ni byo.

65 Noneho, mumenye ko, aka karemangingo karazenguruka iyo kabyimbye. Gatangira buhoro buhoro. Izindi mikorobe ntoya zikirukiramo ngo zitange ubuzima bwazo ahongaho. Maze ibyo bikazana amashyira agatera ububabare. Abo ni abasirikare bato bato barwanira ubuzima bwawe. Bariruka ahongaho maze—maze bakarwanya izo mikorobe, bo mbaraga z'amadayimoni zigerageza—zigerageza kwirundamo, no gutanga ubuzima bwabo. Ni byo zikora. . . Ni byo. . . Ni agatsiko k'abasirikare bato bapfuye, abasirikare bari mu maraso yanyu. . . abo bari mu—mu bubabare, bagatanga ubuzima bwabo kugira ngo bukize ubwawe.

66 Noneho, iyo akaremangingo kamwe kanazwe ahongaho maze iyi dayimoni igatangira, itangira gukura, itangira kororokamo utundi turemangingo. Irimo kubaka umubiri neza nk'uko abana bawe batangirira munda, kandi nk'uko mwabigenje mu nda ya mama wanyu. Akaremangingo hejuru y'akandi, sakaremangingo hejuru y'akandi, akaremangingo ku kandi, inzira iyo ari yo yose, ahantu hose; gusa, nta shusho kagira nk'ikiremwa muntu, nyuma y'imiterere yako. Biturutse gusa ku mwuka. Gusa ikura mu buryo ubwo ari bwo bwose, nuko hagatangira akaremangingo hejuru y'akandi, akaremangingo hejuru y'akandi.

67 Noneho, ikintu cya mbere uzamenya, uzatangira gucika intege wumve urwaye. Ujya kwa muganga kandi azagusuzuma. Birashoboka ko adashobora kubibona. Niba ibikora, birashoboka ko izabigabanya. Niba ishobora kubigabanya neza, burya, iba yabibonye. Ariko niba idashobora kugabanya neza, noneho niba iri mu muhogo cyangwa ahandi aho idashobora kuvamo neza, agace gato kayo gato kazabaho neza. Murareba, kuko idafite, ari nk'uko wakata ikiganza ukagisubizaho, cyangwa ikindi kintu cyose, cyangwa ukagikata. . . Icyo nshaka kuvuga, uramutse ukase umubiri w'ingenzi, ukarekeraho ikiganza cyawe, kubera iki, ntigishobora kubaho. Ariko—ariko, murebe, ibyo ntabwo bifite uburyo bw'ubuzima nka we. Ni imbaraga z'amadayimoni zigenda.

68 Noneho icyitonderwa, mubyita, muganga abyita "kanseri." Imana ibyita "idayimoni." Murebe uyu munsi. Barabitanga gusa. . . Ijambo *kanseri* ryaturutse he? Rikomoka kuri. . . ku ijambo ry'Ikilatini rikoreshwa mu buvuzi, bisobanura i "ingaru," ingaru ubona ku nkombe z'inyanja, ifite amaguru yose. Ubwo ni bwo buryo i—ikoramo, iragendagenda, igakwirakwira. Ijambo *kanseri* ni "ingaru." Kandi yinjiramo maze igakomeza gufata gusa no kunyunyuza amaraso uko igenda, nka ogutopusi cyangwa ikindi kintu. Kubera iki, ikibyimba, agakoko ko mu jisho, n'izindi ndwara, buri cyose muri byo kiva muri mikorobe, kandi iyo mikorobe igomba kuba ari umubiri. Kandi mbere y'uko iba umubiri, igomba kuba ubuzima. Mbere yo kurema cyangwa—cyangwa kumera no gukora uturemangingo twinshi, igomba kuba ubuzima. Ni byo? Ubu, iyo kanseri yaturutse he? Ni inde, iyo yaturutseho? Ntabwo yari kuri wowe hano hashize igihe, ariko ubu birashoboka ko yaba iri kuri wowe. Yaturutse he? Ni ubundi buzima butandukanye n'ubuzima bwawe, bukubamo. Kandi ni ukukubabaza, kurigata ubuzima bwawe. Ni yo mpamvu Yesu yayise "dayimoni."

69 Bacyita igicuri uyu munsi, baravuga bati: "igicuri." Kubera iki, igicuri, muri Bibiliya, Yesu yacyise "dayimoni." Ubwo uwo mugabo yazaga ari kumwe n'umuhungu wituye hasi, yazanye urufuzi mu kanwa, n'ibindi byose, yaravuze ati: "Afite dayimoni, kandi akenshi imutura no mu muriro, na mu mazi."

70 Noneho bahinduye izina ryayo bayita igicuri, ariko ni idayimoni. Yesu ati: "Wowe dayimoni, sohoka muri uyu mwana!" Ni ukuri. Noneho, igicuri gikunze guterwa n'ikibazo cy'impyiko. Wenda ibyo ubyinjiramo nyuma ho gato. Murareba? Itera igicuri, kuva mu mpyiko.

71 Noneho, mumenye ibi, ubwo ako karemangingo kicaye aho, ni akadayimoni. Kubaka ubuzima; kagakura, kakagenda karushaho kuba gakuru. Gafite inshingano imwe yo gukora, ari yo, gufata ubuzima bwawe. Ni cyo dayimoni yayohereje, ni kugira ngo igabanye iminsi yanyu yo kubaho ngo igere munsi ya mirongo irindwi.

72 Noneho, abaganga bose bubahwe. Yego mugenzi. Abafite ubumenyi mu buvuzi mwese, Imana ibahe umugisha kubw'ubufasha bakoreye abantu. Ni byo. Ni iki mwakora kw'isi uyu munsi mutabafite? Ndashimira Imana ku bumenyi bw'ubuvuzi. Ndashimira Imana kubw'imodoka yanjye. Niba Imana itarri yararetse ubuhanga ngo bunkorere imodoka, byangora kugera hano n'amaguru. Ku matara y'amashanyarazi, hamwe n'isabune yoza intoki zanjye, hamwe n'umuti w'amenyo woza amenyo yanjye, byanze bikunze. Ndayishimira ku bintu byose, kuko ibintu byiza byose biva ku Mana.

73 Ariko reka nkubwire, nta muti numwe wigeze ukiza indwara iyo ari yo yose. Kandi nta muganga n'umwe, 'cyeretse

ari babandi bashakisha, ariko umuganga nyawe azakubwira ko batavuga ko ari abavuzi. Burya kuri Bene Se ba Mayo, benshi muri mwe. . .Nababarije aho, inshuro ebyiri cyangwa eshatu. Mu barwayi baturuka aho, badakira. . .Musome ikinyamakuru *Reader's Digest*, ikibazo cyo mu Gushyingo? Ni bangahe basomye nomero yo mu Gushyingo, iyo ngingo yanjye hariya, mu kinyamakuru *Digest Reader*? Murareba? Kandi banzamuye hariya hejuru, mu kiganiro cy'umwana bari bararetse. Nuko bati: "Ntibishoboka gukorwa." Ariko Umwuka Wera yaramvugishije ambwira uko bizakorwa, kandi byarakozwe. Ni byo. Noneho barampamagaye hariya. Kandi aho haruguru ni ku muryango aho Jimmy hamwe na bo, Mayo yakundaga kuba ahari, hari icyapa gikomeye kinini kivuga kiti: "Ntabwo tuvuga ko turi abavuzi. Gusa tuvuga ko dufasha ibyaremwe. Hariho Umuvuzi umwe, uwo ni Imana." Ni abantu beza kw'isi. Noneho, dufite bene indamu bake, yego. Ni byo. Dufite ababwiriza bagamije indamu, nabo. Ni byo. Rero, ibyo bigenda ku mpande zombi.

74 Icyitonderwa, ariko umugabo wese uvuga ko ari umuvuzi, ni kabarankuru, 'kubera ko adashobora kuvura. Bibiliya iravuga iti: "Ndi Uwiteka ubabarira ibyaha byawe byose kandi ukiza indwara zawe zose."

75 Nagiye kwiga. Mu cyumba cyanjye. . .bamwe mu baganga beza hirya no hino mu mahanga baraje. Ntabwo mwamenya inyuma y'ubuzima, nshuti, kugira ngo mumenye ibyahabereye, n'ibintu ntavuga ku mugaragaro. Abagabo baza rwihishwa. Kandi ntimutekereze ko nta ba Nikodemu benshi bakiri kw'isi; ni ukuri, barahari ibihumbi. Bareba kuri ibyo bakaza mu materaniro. Bakicara hariya biyambariye udupira duto, n'ikindi kintu nk'icyo, n'amazina akanganye ashobora kubatungura, bicaye neza mu materaniro. Mu minsi mike muryame hafi aho hanyuma muhamagare bucece, maze mwohereze umuntu mu kiganiro. Kandi muvuge nonaha, muvuge mti: "Mwene Data Branham, ndizera ko uko ari Ukuri." Ni abantu nkatwe. Ni byo. Kandi buri muntu yifuza kureba hirya y'urwo rusika rwijimye aho agomba kunyura umunsi umwe.

76 Ariko ni kanseri kandi ibyo bintu ni amadayimoni rwose yirema mu mubiri w'inyama, akazamuka, agatwara ubuzima wanyu.

77 Noneho, niba nifuza gukora nka muganga, niba nshobora kuyikata, nkayirambika hasi. . .Cyangwa, nka, tuvuge, nk'urugero, wari urwaye kanseri, wowe ubwawe, kuri iyi si. Noneho, dore gukira guturuka ku Mana. Niba nashakaga kukwikiza mu buryo bwa kiganga, nari ku. . .guharura umubiri wawe, cyangwa ikindi kintu, kugeza igihe yose bizimiriye ku isi. Ntabwo yari kuba ikiriho, nk'uko umuganga yakubuza imikurire. Ariko mu buryo bwo gukira guturuka ku Imana, niba wari kanseri, nahita mpamagara ubuzima

bwawe bukagusohokamo, maze ugakomeza. Ubuzima bwawe bwagusiga, ariko umubiri wawe waba hano nk'uko byari bimeze.

78 Noneho, aho ni ho ibyo ubona n'igihe ari abanzi babi b'Imana mu gukiza guturuka ku Mana. Sinzi niba Mwene Data Baxter yarigeze agera kuri ibyo bintu mu materaniro. Naricaye, ndabimusobanurira na Mwene Data Bosworth, inshuro nyinshi. Ariko dore uko byagenze. Ndashidikanya niba abantu benshi babibona, kuko, nyuma y'igihe gito, mutangira kubona abantu bagaruka, bavuga bati: "Nakiriye gukira kwanjye, Mwene Data Branham, mu minsi ibiri cyangwa itatu, ariko, Imana ihimbazwe, bya—byamvuyeho." Kandi ndabibona, kandi ngira ngo ni ukubera ko batashyizeho gahunda y'amateraniro neza. Abantu ntibumva. Nagize abagabo baza ku ruhimbi bakaba bari impumyi rwose, kanseri, cyangwa agakoko mu maso yabo, hanyuma musome iyi Bibiliya nyuma yo gusengerwa, mugende; mu minsi itatu cyangwa ine uri impumyi nk'uko byari bimeze mbere. Byagenze bite? Umuntu wese azi ko iyo ubuzima bwavuye mu mubiri uwo ari wo wose, urananuka mu gihe gito. Ni byo?

79 Hari mmuntu wigeze, uri hano, yica impongo, cyangwa inka, cyangwa ikindi kintu nk'icyo? Ndabyizeye. Ni byo. Muzipime iri joro, mwe bahigi muri hano, inshuti zanjye. Wice impongo uyishyire ku munzani, ubwire abahungu uburemere bwayo. Mwitegereze! Mu gitondo urasanga yagize ibiro byinshi kurenza uko yari imeze. Iyo ikiremwa muntu gipfuye, ucyitaho, ikintu cya mbere, afata amenyo y'ibinyoma cyangwa ijisho, ikintu kirimo icyo ari cyo cyose, akagikuramo; kuko, kiragabanuka, mu kirisunika kikajya hanze kuko umubiri w'umuntu uba wananutse. Izindi nyama zose ziranananuka. Iyo ubuzima buvuye mu karemangingo, zitangira kumanuka, kunanuka. Zizabikora amasaha agera kuri mirongo irindwi na abiri. Hanyuma zizatangira kubyimba. Reka imbwa nto itambuke, hanze hano ku muhanda. Yireke iryame ku zuba iminsi igera kuri itatu, maze urebe uko byagenze. Iba imbwa nini kuruta uko yahoze. Irabyimba. Si byo?

80 Ni byiza, ibyo ni ibintu bimwe bibaho iyo i—idayimoni yirukanwe mu muntu urwaye. Iminsi ya mbere, "Yoo, ndumva ari byiza." Noneho utangira kuvuga uti: "Nda—ndarwaye kurusha—kurusha uko nahoze. Nananiwe gukira." Nk'uko by'ukuri kwizera kwayirukanye, kutizera kurayigarura nanone. Nk'uko kwizera kuyica, kutizera kurayizura. Yesu yaravuze ati: "Iyo umwuka wanduye uvuye mu muntu, ujya ahantu h'ubutayu wagaruka ukagarukana n'andi madayimoni arindwi." Niba kandi umugabo mwiza w'urugo adahagaze ngo arinde urwo rugi, izahita irwinjiramo. Kandi umuntu mwiza wo munzu yawe ni ukwizera kwawe. Vuga uti: "Bijye kure yanjye!" Ni byo.

81 Ariko ubu iyo urebye umurwayi wakize, mu bisanzwe, 'kuri bake ni igitangaza kidasanzwe. Ari byo, gukiza uburwayi

guturuka ku Mana n'igitangaza ni ibintu bibiri bitandukanye. Gukiza guturuka ku Mana, ni ikintu kimwe; igitangaza n'ikindi kintu. Ariko ugukiza gusanzwe guturuka ku Mana, iyo umwuka wanduye wirukanwe, Dayimoni ya kanseri, iyo ivuye mu muntu, "Yoo!" Noneho, cyangwa muvuge niba twafata ikintu runaka kugira ngo mubone byinshi biboneka, ndaza kuvuga, agakoko ko mu jisho. Byagenze bite igihe uwo mugabo. . .Niba muza kubona umuntu ubana n'ubumuga bwo kutabona. Sinzi niba narigeze kumugira hano cyangwa ntawe, nyamara, amaso arimo agakoko. Nzabareka bahagarare mu minota mike. Kubera iki? Rero ukwo kunanuka gutangira kubaho. Mubabwire bagaruke, baduhe ubuhamya. "Yoo, mbega!" Bashobora kubona neza. "Yoo, mbega! Gusa, nshobora kubona ibintu! Yego! Njyewe. . . " Ikibazo ni ikihe? Ubuzima bwagiye; umubiri w'agakoko ko mu jisho urananuka. Ni byiza, bizakora gutya mu minsi ibiri. Vuga nti: "Yoo, meze neza cyane."

82 Kandi nyuma y'igihe gito, batangira kurwara umutwe, ntibumve bameze neza. Babyuka bukeye bwaho bati: "Nongeye kubura amaso."

83 Bamwe muri bo baravuze bati: "Uh-huh, wakoze gusa. Iryo tsinda ry'abera bikunenga hasi ryatumye ubyuka." Ntubyemera! Icyo ni ikinyoma cya satani. Niba ucyemera, uraza gusubirayo ugifite ubumuga bwo kutabona.

Ariko nukomeza gusa, kuvuga uti: "Oya. Mwami, ndizera."

84 Noneho bigenda bite? Uwo mubiri urabyimba igihe kirekire. Karongera kagatwikira imboni. Iyo kanseri mu mubiri izabyimba. Izakubabaza yongere ikujanjagure. Noneho uzarwara biteye ubwoba, urware biteye ubwoba. Kubera iki? Uko gukura gukomeye kw'inyama zapfuye muri wowe zirambitse aho, zapfuye.

85 Wasubirayo, muganga ati: "Yego, ibyo ni ubuswa. Hano hari kanseri. Nshobora kuyibona." Ni byo, irahari, ariko yarapfuye. Haleluya!

86 Noneho, isoko y'amaraso igomba kweza umubiri. Igihe cyose umutima uteye, wohereza amaraso mu mubiri, kandi akajyana n'iyo ndwara. Ni byo, bizagutera kurwara. Byagenda bite se niba ufite inyama zimanitse ahantu runaka, cyangwa zireshya n'inzoka, cyangwa ikintu kinini hafi aho kingana n'urutoki rwawe, zimanitse aho, kandi zari zarapfuye, inyama nyinshi zapfuye zimanitse muri wowe, kandi zirimo kubora? Ni byiza, birumvikana ko amaraso yawe agomba kuguma asukuye, nk'uko bigenda. Ariko hariho umubiri wapfuye, ikintu kimanitse hariya, kuko ubuzima bwakivuyemo. Imbaraga z'Imana, kubwo kwizera, zarayirukanye. Ni idayimoni; igomba kugenda.

87 Ariko, impamvu, abantu ntabwo bigishijwe. Barigendera, bakabireka. Kandi iyo dayimoni imwe iba ihagaze aho, kugira ngo yongere ifate. Iyo Imana ikubwiye ikintu cyose kuri

iki gicaniro, ikoresheje Umwuka Wayo, iyo uri munsi yo guhumekerwa, ntukagishidikanyeho ko, cyangwa ikintu kibi kizakuzaho, icyo Yavuze. Kuko Yesu yavuze ati: "Uko uwo mugabo yari ameze byari bibi inshuro zirindwi kurenza uko byari bimeze mbere." Si byo? Umwuka wanduye wavuye mu muntu, uzenguruka ahantu humagaye, ugarukana n'andi madayimoni arindwi. Ku bw'ibyo, ntimutakaze icyizere. Mukomeze mubyitondere. Ni cyo bisomanura, bivuye ku mutima wanyu. Vuga uti: "Oya, mugenzi! Ntabwo nzanyeganyezwa! N'ubwo naba ndwaye gute, ibyo ntaho bihuriye." Noneho, ikintu cya mbere wamenya, ni uko uzaba usobanutse neza. Ibintu byose bizaba byiza icyo gihe. Murareba, byarapfuye. U—ukubaga umuganga yaba yaragukoreye, kwa gukura kuracyari aho muri wowe, nta buzima gufite muri ko.

88 Wavuga uti: "Ubuzima burimo, Mwenw Data Branham, ese buzatwara ubuzima bwanjye?" Oya, mugenzi. Ubwo buzima ni ubuzima butandukanye n'ubwawe. Gusa nakweretse ko uri ubuzima kandi ko uhinduka ikiremwa, kandi ni ubuzima hanyuma ugahinduka ikiremwa; kandi uri uw'Imana, kandi byo ni ibya dayimoni. Murabona icyo nshaka kuvuga? Inyigisho ku Madayimoni. Noneho, mugomba kureba uko icyo kintu gisa iyo muhagaze mukareba.

89 Yoo, mbega, Mumbabarire, ni hafi na mirongo itatu n'itatu. Mumbabarire. Murebe nshuti. Yoo, icyo iyi si ikeneye!

90 Njye maze imyaka igera kuri irindwi, nigisha muri Amerika yose, Nkora iyi mirimo yo gukiza indwara. Gusa nabonye igitekerezo cyiza cyo gutangira kuzenguruka mu gihugu cyose, kwigisha Bibiliya, no kuri dayimoni, uburyo abantu bashobora kumva icyo gukora. Kandi ni yo mpamvu, bajya muri aya materaniro, inshuro nyinshi, kandi, mugenzi. . . Niba udasobanukiwe, abantu barasohoka, kandi inshuro nyinshi. . .

Noneho, ibuka uriya mugenzi wawe waje akavuga ko afite impano yo gukiza indwara ituruka ku Mana? Impano yo gukiza indwara ituruka ku Mana yari muri wowe niba ukize. Ni wowe, umwe. Impano iyo ari yo yose ikora mu kwizera. Kandi ntitaye ku nshuro iyo mpano nahawe ikiza, ndabyizera n'umutima wanjye wose, ariko ushobora guhagarara hano kandi, niba utarigeze ugira kwizera na kumwe, ntacyo byakumarira. Nshobora kugusengera, amasaha, ibyumweru n'amezi. Ntabwo ari ababwiriza bafite gukiza kw'Imana. Ni wowe wabonye impano yo gukiza kw'Imana, wizera gukira, 'kubera ko biterwa no kwizera. Kubwo kwizera! Ibikorwa byose by'Imana ni kubwo kwizera.

91 Intwaro zose z'Imana kubwo kwizera. Ntabwo twabonye ikintu kimwe gisanzwe cy'iyi si. Ibintu byose i—itorero rya Gikristo n'igikorwa cyo kwizera. Murareba intwaro z'Imana: urukundo, umunezero, amahoro, ubugwaneza, kubabazwa,

guca bugufi, ubwitonzi, kwihangana. Si byo? Ibintu byose ndengakamere, nta kintu gisanzwe. Ntabwo rero tureba ibintu bisanzwe, kuko dukora iby'indengakamere. Kandi inzira yonyine dushobora gushingiraho, ni ukwizera, ni kubyo Imana yavuze ko ari Ukuri, kandi tureba Ibitaboneka. Kandi duhamagara n'ibidahari, nk'aho biriho; nk'uko Aburahamu yabigenje, akabibona. Amina! Aburahamu yahamagaye ibitariho, nk'uko Imana yabikoze, nk'aho aho bihari. Kuba ufite imyaka ijana, utaragerageza ku masezerano y'Imana kubwo kutizera.

92 Nshobora gusa kubiutekerezaho, mbese wowe ntiwabishobora? Murebe Sara kubyuka igitondo kimwe. Imana yaravuze iti: "Aburahamu!" Iravuga iti: "Aburahamu, ugiye kubyara umwana."

93 Sara arahaguruka. Aravuga ati: "Wumva umeze ute, Sara?" Iyi ni ibintu byinshi bivanze, ariko mwumve.

"Ntaho bitandukaniye."

94 "Ni byiza, icyubahiro kibe icy'Imana, tugiye kumubona! Genda ushake utwenda tw'umwana n'udupense, n'ibintu byose. Witegure."

Ni byo, ukundi kwezi gushize. "Sara, urumva umeze ute?"

"Ntaho bitandukaniye."

Umwaka urashira. "Sara, bimeze bite?"

"Ntaho bitandukaniye."

Imyaka icumi irashize. "Ntaho bitandukaniye."

Imyaka 25 irashize. "Ntaho bitandukaniye."

95 Aburahamu, aho kugira intege nke, yarushijeho gukomera. Yari azi ko bigiye kuba igitangaza gikomeye cy'igihe cyose, 'kuko yizeraga Imana, kandi ntiyajegajegaga ku masezerano y'Imana kubwo kutizera. Yaravuze ati: "Tugiye kumubona!" Umunsi umwe mu gitondo, inda ya Sara itangira kubyimba, havuka Isaka muto, kuko Aburahamu yizeraga Imana. Hanyuma yitegereza ibintu, abara ibyo bintu atigeze gutekereza ko byabaho.

96 Ntabwo ari ibyiyumvo, ntabwo abibonesha amaso ye. Ntugendere ku marangamutima cyangwa kubyo ureba. Ni kubwo kwizera. Kandi igihe Imana yavugaga ikintu icyo ari cyo cyose, ikavuga iti: "Ibyo wasaba byose, iyo usenga, izere ko ubyakiriye," hanyuma ubikomereho. Imana yarabivuze, ni ko bigomba kumera! Amina. Amadayimoni!

Kwizera Data, kwizera Umwana,
Kwizera Umwuka Wera, batatu muri Umwe;
Amadayimoni azahinda umushyitsi kandi
abanyabyaha bakanguke;

Kwizera Yehova byose bizahungabanya icyo ari cyo cyose.

Ni byo. Yoo, mbega! Rwose ni ko biri. Mwizere Imana. Muyitegereze. Ntimuyiveho. Guma aho. Imana yarabivuze!

97 None se, amadayimoni, ni iki? Ni ibiremwa by'umwuka. Noneho—muganga aravuga ati: "Wafashwe na kanseri. Wanduye igituntu. Ufite agakoko mu jisho. Wafashwe n'indwara y'ubuhumwkwro. Ufite *ibi*." Ni dayimoni. Ni ubuzima, kandi nyuma y'ubuzima ni umwuka. Ni bangahe bazi kandi bashobora kubona ko kanseri, agakoko ko mu jisho, bifite—bifite . . . Ni umwuka, bifite—bifite ubuzima muri byo. Ni byiza, nta kintu gishobora kugira ubuzima budafite umwuka, murabona, hagomba rero kubaho ubuzima bwo gukora ibyo, ahantu runaka.

98 Ndetse n'icyo giti harimo ubuzima. Ubumenyi bwose kw'isi ntibushobora gukora icyatsi kimwe. Mwari mubizi? Bakora ikintu gisa nacyo, ariko ntibashobora kubona ibyabageza ku buzima. Iyo ni Imana. Murareba? Yesu abwira igiti ati: "Uravumwe. Nta mbuto ufite, kandi ntuzigera uzigira." Basubiyeyo. Hari mu ma saa munani za gitondo. Basubiyeyo nka saa kumi n'imwe, mu gihe bari bagiye kurya. Petero ati: "Murebe kuri kiriya giti, cyumye kuva mu mizi." Kubera iki? Yesu yacyashye ubuzima bwari muri kiriya giti, n'ubwari mu mizi, bwose burapfa. Haleluya!

99 Uwo Kristo umwe ashobora gucyaha kanseri kuva mu mizi, kandi ibintu byose bigapfa. Icyo giti cyari gihagaze neza nk'uko cyari kimeze, mu masaha yatambutse, ariko ugasanga amababi atangiye kugwa, hanyuma ukabona igishishwa gitangiye kuvaho. Kandi . . . Gitangira kuma, umunsi ku wundi, n'icyumweru ku kindi, kandi nyuma y'igihe gito nta kintu na kimwe cy'icyo giti cyari gisigaye. Haleluya! Kanseri, ikibyimba, agakoko ko mu jisho, cyangwa ikindi kintu cyose, bizagenda ari uko Kristo avuze. Yirukanye amadayimoni. Maze aravuga ati: "Mu Izina Ryanjye bazirukana amadayimoni, bazavuga n'indimi nshya, bazafata inzoka, cyangwa nibanywa ikintu cyica, ntacyo bizabatwara. Nibarambika ibiganza ku barwayi, bazakira."

100 Muramukunda? Mumbabarire nabatindije isaha hano nyuma ya saa sita, mwicaye hano. Mukunda Umwami? [Itorero riravuga riti: "Amina."—Ubwanditsi.] Ubu bigiye kugenda gute? Niba wemera Kristo nk'umukiza wawe, kandi ukizera mu mutima wawe ko hari ikintu cyakubayeho, kandi wemera ko wakize, ese ugiye kwizera ko wakize? Ntureke ngo dayimoni agire ikindi kintu agukorera. Mukomeze.

"Muganga," vuga—vuga uti: "muganga, bisa bite?"

Aravuga ati: "Kubera iki, biracyahari."

101 Mu mutima wawe urabizi, uzi ibyabaye. Huh! Ikintu cya mbere uzi, vuga uti: “Vuga, ibaze uko byagenze kuri kiriya kintu?”

102 Noneho vuga uti: “Itegereze, muganga, ngiye kukubwira. Dore uko byagenze, Yesu Kristo yarankijije. Ni byo. Yesu Kristo yarankijije.”

103 Ni byiza, reka twunamishe imitwe akanya gato. Mwene Data Willett, waza hano umunota umwe gusa, mwene Data?

104 Ubu, Data wo mw’Ijuru, turashimira Amaraso ya Kristo. Kandi birashoboka ko rimwe na rimwe umugaragu Wawe, Mwami, adakoresha ubwenge, avuga igihe kirekire. Ariko birashoboka ko numva meze nka Pawulo, wabwirije ijoro ryose. Mugenzi wanjye muto muto yahanutse mu idirishya riramwica. Kandi iyo ntumwa, hamwe n’Ijambo ry’Imana mu buzima bwe, yaragiye yubika umubili wayo hejuru y’umurambo w’umuhungu, ubuzima buza muri we arongera abaho.

105 Mana nziza, Nzi ko izuba ry’iyi mico ikomeye ubu rirenze, inzira yabayemo cyarahise, umunsi uciye ikibu, igicucu cya nimugoroba kiramanutse. Umucyo Ukomeye uva mu Bwami bw’Imana, gufata umwanya w’uyu mwijima ukabije uje ku isi. Mana, ndabona ko ndimo gusaza buri munsi. Reka ngende, Mwami. Mpa imbaraga. Mfasha kuvuga Ukuri gukomeye ahantu hose. Dufashe, ejo nyuma ya saa sita, kugira ngo tuzasobanukirwe byinshi.

106 Kandi, Mana nziza, ha umugisha abari budutege amatwi bake ba nyuma ya saa sita. Iri joro, ubwo baza guteranira mu murimo wo gukiza indwara, reka buri mugabo n’umugore wese bagere ku bandi bajye kuganira, bavuga bati: “Noneho, hano . . . ntukore ntu—ntuzongere gushidikanya. Dusobanukiwe n’aho bituruka noneho. Turabizi ko ari dayimoni. Kandi tuzi ko iyo igiye, idashobora kugaruka keretse ku itegeko ry’Imana. Igomba kubyemera. Imana yarabivuze. Igombaga gusohoka.” Noneho, reka basohoke, bishimye, banezerewe, bavuga ko bakize. Nta kintu, reka ntihagire kintu gihagarara mu mzira yabo, ukundi; bagende, bizere.

107 Kandi, Mana, iri torero rito hano, hamwe n’aya matorero akorana naryo, bagire ububyutse nyuma y’aya materaniro, Mwami, buzakwirakwire gusa, kandi ubugingo amagana menshi buzazanwe mu Bwami bw’Imana. Byemere, Data. Reka abagabo n’abagore hano, baturutse mu mahanga n’ahandi, basubize Ubutumwa mu matorero yabo, kandi bagire ububyutse bwa kera. Byemere, Mwami. Utubabarire ibyaha byacu ubu. Dufashe kuba abagaragu bawe. Mu Izina rya Yesu Kristo. Amina.

108 Ndibaza, mu gihe mukicaye hano, niba hari umunyabyaha uri muri iyi nyubako uyu munsi, yavuga ati: “Mwene Data Branham, nyibuka mu masengesho”? Mbese wabivuga, uzamuye ikiganza cyawe? Haba hari umuntu w’umunyabyaha?

Sinkuzi . . . Imana iguhe umugisha, madamu. Hari uhari? Imana iguhe umugisha, mugenzi. Wowe, nawe, nawe, Imana ibahe umugisha. Ndabaza niba wowe . . . Noneho, ibi ni ibyawe.

109 Murareba, Ntabwo nizera gusubira mu bateze amatwi. Ntabwo nenga abandi babikora. Ntabwo nemera kujya mu bumva no kugerageza gukurura umuntu. Murareba? "Nta muntu ushobora kuza, keretse Data Yamuteguye." Murareba? Ni byo. Uramukurura hariya gusa ku bushake bwe. Murareba? Ariko niba Imana ikomanze ku mutima wawe, uri umuntu wubahwa cyane kw'isi. Gusa ntabwo muzi umubare w'abantu naganiriye na bo.

53-0608A Inyigisho ku Madayimoni, Agaragara
Inzu y'imyidagaduro yitwa Roberts Park
Konesivile, indiyana Leta Zunze Ubumwe za Amerika

KINYARWANDA

©2026 VGR, ALL RIGHTS RESERVED

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org

Gushinganisha Igihangano

Uburenganzira bwose burashinganye, iki gitabo gishobora gucapirwa mu rugo ku muntu ushaka kugikoresha ku giti cye nta kiguzi, akagikoresha nk'icyo kwifashisha mu rwego rw'ivugabutumwa rya Yesu Kristo. Iki gitabo ntibyemewe kukigurisha cyangwa kugicapa ugasohora umubare munini, ntibyemewe kugishyira ku rubuga, ntibyemewe kukibika mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugihindura mu rundi rurimi, cyangwa kugikoresha ugamije kubona inkunga, udafite uruhushya rwanditse rutangwa na Voice Of God Recordings®.

Ku bindi bisobanuro cyangwa ushaka gusaba ibindi bitabo wabariza kuri aderesi ikurikira:

Voice Of God Recordings

P.O. Box 950, Jeffersonville, Indiana 47131 U.S.A.

www.branham.org